**RWANDA RESONANCE**

# UMURANGI

Rédacteur en Chef:

*NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface*
*(Oncle NTA'GE Bony)*
*(O.N.T.B.)*

Bimensuel Indépendant

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

**100 Frw**

**N° 029**

**8 septembre 1993**


## Nyuma y'aho HABYARIMANA acishirijwe muri ndayobotse ku mugaragaro kwa Museveni MRND izongera kutubeshya iki ?



jwe muri ibyo. Irakabuje Bihehe, sinzi niba yarahagaze i Kigoma na Muyange kwa Mbarubukeye, icyo nzi nuko yageze mu Busanza igakora ishyano nka ryarindi kandi kimwe. — Irakabuje Bihehe itangiye gushaka amarariro mu Bwanamukari na Mvejuru (Gitera, Munyagaju), ihageze bati : Uragapfa uragapfusha uri Impyisi, iri Bihehe, bati kuva kera UMUPROSOMA yumvira Umutima we mbere ya byose. Irakabuje Bihehe iti wenda mu Bufundu bwa Gikongoro nzahicira uriya mwaku nkuye i Bwanamukari, wenda ndetse nsitsimure. Iragiye n'i Kinyamakara ihasanze akana karokotse kw'Icumu ry'iby'isi. Ubwo irakamize ari nako isagurira Twagiramungu — Isanze nta kindi yamiruza ku Gikongoro kuko Nsanzimana we yari zamani muri Frigo ya Bihehe kandi ikaba yirinda Indwara zanduza ku buryo itarya Sindayigaya na Nkerinka, Bihehe ifata imigambi yo kwigarukira. Irakabuje Bihehe maze ifata ibyemezo, iti ku Gisenyi iwanjye ntacyo naryayo; ba banzi nabariye kera, reka ninyura mu Ruhengeri wenda narya akana kwa Bicamumpaka, Mpakaniye, ndetse wenda na Rusingizandekwe.

None rero, ubwo Cyangugu na Kibuye batabarwa, ikibazo ni Kigari yose irimo hafi miriyoni imwe n'igice by'Abanyarwanda. Irakabuje Bihehe iti : «Kigari—ville yo nta kibazo mpafite wa mucuranzi wanjye». Renzaho Préfet, none mu makomini 16 asigaye nzi neza ko Abambogo bategetse iyo Perefegitura batazankurikira (ça c'est certain) mu Bugesera no mu Rukaryi ntaretse bwanacyambwe nabo ni nkuko. Mu Buriza nzababonayo, kuko nk'uko i Nyamaswa uyifatisha inyama, ukunda ubutegetsi wese kuko bwitwa gutyo, kumufata ntibizananira. Sibwo Bihehe ibonye yo Umudiplomate, Umusirikari n'Indaya y'u Mugabo ? Sibwo imyanya itanzwe mu buryo butazapfa busobanutse na rimwe. Sibwo Umukobwa arongowe n'utarigeze amurambagiza (Amasezerano ya Arusha) ? Sibwo Parti yigenga igeze aho gutegekwa mu rugo rwayo n'utundi duparti turushwa ubunini n'Inyuguti tukaba aritwo tuyihitiramo Minisitiri w'Intebe sibwo dusigaye dufite ba Minisitiri b'Intebe batatu.

Sibwo twumvise ibitakaragasi ngo mu Rwanda havutse MNC/Lumumba na MNC/Kalondji, byose bizanywe na Twagiramungu (guteranya n'abandi bose mutayobewe batinya byahebuje MDR ariko bakagira n'Inda ziruta iya Ngunda ubunini) ? Sibwo ijambo Kwiyunga rifashe amarere nyamara abarikoresha ubwabo bazi ubunini bw'agaciro karyo ? Sibwo Congrès za MDR zibonye uburyo bwo kwitora Inda zari zimaze kuzibana nyinshi ? Sibwo Dr. Nsengiyaremye ahisemo kuba yiheje asanze liste ya bene wabo bapfuye urwagashinyaguro imaze kutubana ndende ? Sibwo bampemuke ndamuke barumuna ba Bihehe bagiye mu myanya bigeneye bo n'Agatha ? Ku bazi neza uyunguyu bemeza ko amaze gufatwa ku ngufu inshuro zirenze enye (iyagatanu yo iremewe) sibwo nawe yize kudusinziriza n'ibinyoma tumenyereye bitangirwa na Banyarwanda, Banyarwandakazi, atubeshya twese nk'ubeshya Umwana w'imyaka ibiri ? Mbegambega!!! Umuntu kera yavugiye mu bandi ati : Twajwemo — Twajwemo rero koko.

NTAKARAKORWA MANASSE,
KIGALI

## NTITUZABYEMERA !!!

**Tumaze kumenya ko wa Musenyeri wigeze kwitwa Mubyara wa Kinani ngo waba akomoka kwa ba Kamashara i Bugande ashaka kwivanga mu bya MDR ngo ubwo yirukanye Twagiramungu wayigambaniye ngo n'abandi bayobozi bose nibirukane ngo itore bushya. Uwamumenyesha ko MDR ari Ishyaka ryigenga, rifite inzego zikomeye. Ibyo zemeje zarabyemeje niba hari abasenyeri bajyanye na Habyarimana na Twagiramungu kugambanira Impirimbanyi n'abandi banyarwanda kwa Museveni mu Nkotanyi Ejo bundi ku ya 1/9/93 nibigizeyo ayo mahomvu bavanyeyo, M D R izi ibyikora.**

Umurangi.





*TWAGIRAMUNGU yaragambanye arirukanwa. Igisigaye ni ukumusimburan naho kwibwira ko aruta bariya bagabo bandi ni ukwitera amajeki*

# Un putsch au MDR menace la paix au Rwanda

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP...
C.F.R.C.
B.P. 1319 - Kigali
RWANDA

*Par Alain DE BROUWER (*)*

La signature, le 4 août dernier, de l'accord d'Arusha doit mettre un point final à la guerre au Rwanda, qui a sans doute fait près de 25.000 morts, déplacé plus de 900.000 habitants des régions du nord et détruit des pans entiers de l'économie de ce pays enclavé, depuis l'attaque des rebelles du Front patriotique rwandais (FPR), venus d'Ouganda, le 1er octobre 1990.

Durant ces grandes vacances, un véritable coup d'Etat civil s'est produit à l'encontre du principal parti d'opposition, le MDR ou Mouvement démocratique républicain. Héritier du Parmehutu (le Parti du mouvement de l'émancipation Hutu) et de la révolution sociale de 1959, le MDR avait la vocation de devenir un grand mouvement populaire. Depuis l'assassinat en mai dernier de son leader le plus charismatique, Emmanuel Gapyisi, il est devenu l'objet d'attaques conjuguées de l'ancien parti unique, le MRND, et des partis alliés au FPR au sein du gouvernement (partis social-démocrate et libéral).

Son Premier ministre, Dismas Nsengiyaremyé, a été forcé à se démettre et sa candidature à la tête du gouvernement de transition à base élargie qui sera installé à la mi-septembre a été repoussée. Profitant de la confusion générale, le président du MDR, Faustin Twagiramungu, tribun brillant mais autoritaire, critiqué pour sa politique d'alliance avec le FPR, s'entendit secrètement avec les dirigeants des autres partis gouvernementaux pour faire nommer les siens dans le gouvernement intérimaire actuel et faire accepter sa candidature au poste de Premier ministre du gouvernement de transition à base élargie.

Pour justifier son coup d'Etat interne, Faustin Twagiramungu a trouvé un alibi extérieur; la lente division du MDR serait l'œuvre de l'Internationale démocrate chrétienne (IDC) qui, selon lui, aurait poussé le courant dit « Parmehutu » à se soulever contre sa présidence et sa politique d'unité nationale et de réconciliation, et finalement à tenter de prendre le pouvoir au sein du MDR à travers une « régression ethniciste ».

Cet alibi étonnant correspond cependant assez mal aux positions répétées de l'IDC en faveur d'élections sous observation internationale dans des délais raisonnables en vue de mettre un terme à l'illégitimité du pouvoir actuel.

Afin de trancher ce conflit majeur, un congrès extraordinaire du MDR a été réuni à Kigali les 23 et 24 juillet 1993, rassemblant 72 pc des délégués. Il s'est prononcé à une majorité de 92 pc pour l'exclusion du pari de M. Twagiramungu et pour la candidature de Jean Kambanda au poste de futur Premier ministre. Son nouveau président, Dismas Nsengiyaremyé, sous le coup de menaces personnelles, a dû se réfugier en Europe peu après le Congrès.

Plainte en justice a été déposée par le MDR pour exercice frauduleux des fonctions présidentielles par M. Twagiramungu et une requête a été adressée au chef de l'Etat pour qu'il annule sa nomination comme Premier ministre puisque les accords d'Arusha stipulent que ce poste revient au MDR.

Peu à peu, on en vient à une situation bipolarisée entre l'ancien parti unique, le MRND, qui pense renaître sur les dépouilles du MDR, et le FPR dont le profil démocratique reste encore à préciser.

Actuellement, le MDR légal n'a plus accès aux médias officiels et on lui refuse progressivement sa place au sein des institutions nouvelles créées à Arusha. Ainsi dans le Parlement de transition, où les députés seront *nommés*, il risque de ne pouvoir librement désigner les siens.

Cette exclusion d'un MDR fort et indépendant peut ébranler bientôt le processus de paix d'Arusha. Sans contrepoids suffisant, le FPR abusera de son pouvoir nouveau : il détiendra les postes-clés du ministère de l'Intérieur, de l'état-major de la gendarmerie et de la direction de la Sûreté extérieure... Il disposera d'un bataillon de 600 hommes supposé contrebalancer la garde présidentielle. Sans participation indépendante du MDR, c'est-à-dire si c'est M. Twagiramungu qui nomme ses députés, le FPR contrôlera avec ses alliés libéraux et sociaux-démocrates les deux tiers des voix, nécessaires dans le futur Parlement pour prolonger la transition au-delà de deux ans ou mettre le chef de l'Etat en accusation devant la Cour suprême.

La victoire du FPR, couplée à un déploiement trop lent de l'Onu sur place, peut, hélas!, conduire à la guerre civile et à la destruction du pays.

*(*) Conseiller politique à l'Internationale démocrate-chrétienne.*

## BARAKINA MU BIKOMEYE

Ku wa kabiri tariki ya 31/8/1993, muri gahunda ye yo kugumya kurindagiza Impirimbanyi, TWAGIRAMUNGU yahuriye i Kabgayi kwa Musenyeir Tadeyo na NKEZABERA, NGURINZIRA, NDENGEJEHO ngo bagombaga kubwira Musenyeri na bagenzi be icyo bahoye TWAGIRAMUNGU wari wagiye kubaregera. Ijambo ryabanje gufatwa nawe, avuga amavu n'amavuko y'ibyo yitaga akarengane ke muri MDR, aracabiranya biratinda. NKEZABERA na bagenzi be basobanuye ikibazo uko giteye Musenyeri NSENGIYUMVA kubera ikinyabupfura ahari ati: Naho ndetse mwarihanganye, ariko tuzongera duhure. Arabe azi neza ko Impirimbanyi nta gihe zifite cyo guta inyuma y'umunyoni.

Ibyo byose TWAGIRAMUNGU abikora arangaza abantu guverinoma ibe ijyaho. Azabeshye abahinde. Musenyeri NSENGIYUMVA wahisemo guherekeza kariya gatsiko k'abagambanyi i Kampala se niwe uzavana Impirimbanyi kw'izima ?? Nagerageze.

UMURANGI

## AB'I NYAKABINGO BITE ?

Tumaze iminsi twumva abatumenagura amatwi ngo banze gukinira hanze y'ikibuga. Inyenzi za Twagiramungu zirasetsa vraiment. Usibye se abaswa nka Twagiramungu wabanje agakubita igitego mw'izamu rye irya Kinani ririnzwe hanyuma akishora muri Championnat n'abakinnyi batuzuye ku buryo ariho atsindwa ibya Wagadi, ninde muntu muzima wajya muri Championnat yo gukinira mu kibuga cyirimo imishubi ayibona kandi abona ntacyamubuza kugera ku Mahoro uko byagenda kwose. Ab'i Nyakabingo bajya bagera kuri Finari se ntibumirwe ??

UMURANGI.

# Nyuma y'aho HABYARIMANA acishirijwe muri ndayobotse ku mugaragaro kwa Museveni MRND izongera kutubeshya iki ?

Nyuma y'amacenga menshi yabaye mu butegetsi bw'u Rwanda muri iyi minsi, TWAGIRAMUNGU wari uzwi na benshi kuba umuhuza bikorwa wa FPR mu Rwanda n'umugaragu wa Kaguta MUSEVENI wirotera Uruhugu Hima muri Afurika (Empire Hamite), abanyarwanda benshi bibabije ku myifatire y'ishyaka MRND rya HABYARIMANA, n'ukuntu ariryo ryateraga hejuru ngo rirarwanya Inkotanyi. Mu by'ukuri iyo HABYARIMANA atabimufashamo, ntabwo TWAGIRAMUNGU yajyaga gushobora kwiba umwanya wa MDR kuko utugufu twose afite ari utwa HABYARIMANA, ugikomeje no kumutiza Radio. TWAGIRAMUNGU rero yahumurije abayoboke be hamber' aha agira ati : kuki HABYARIMANA yabeshya jye simbishobore. Ninde ubeshya undi ? HABYARIMANA yashutse abamilita bo muri MRND ko ashyigikiye TWAGIRAMUNGU mu rwego rwo gusenya MDR no guhirika uwo yitaga igihangange cy'umunyenduga, NSENGIYAREMYE maze bati koko mubyeyi, cya Faustin ni igipampara ba aricyo uzana tuzagihirika bitatugoye. Hambere aha na none abanyakazu baherutse kugira impungenge bihererana HABYARIMANA bati ko tureba tugasanga TWAGIRAMUNGU utubeshya ko uzahirika bitakugoye ahubwo ariwe uzaguhirika akoresheje ingufu z'Inkotani ? Ati: Non non !! Ati mfite imitego itanu namuteze, nashobora gusimbuka itatu, en tout cas ibiri yanyuma ntazayikira. Bimaze kugaragara ko ari ukubeshya, igihugu yagituye umwami w'abami w'Uruhugu Hima-Tutsi, MUSEVENI.

## HABYARIMANA MURI HEKARU YA MUSEVENI ATI : NTUNTERERANE NGO UMVANE MU MUBARE W'ABAWE.

Ukurikije ibyabaye muri iki gihugu, usanga koko HABYARIMANA n'abatutsi barakoze uko bashoboye ngo bazagere igihe bategekana nta ngingimira. Abakurikira batubwira ko Coup d'Etat ya 73 abatutsi b'i Burundi bayigizemo uruhare rukomeye bakoresheje UPRONA, ibyo bikagaragazwa n'ibitutsi yatukiraga MDR Parmehutu kuri Radio y'u Burundi, inyandiko n'ibindi.- Aho HABYARIMANA ahirikiye Abaparmehutu ba BISENGIMANA bo muri Zayire na ba Bigirumwami kimwe n'izindi mpunzi bamwumvishije ko kugira ngo yemerwe neza n'amahanga ari uko yahwata abaparmehutu akabamara. Ntiyazuyaje. Uko yategetse n'uko yagambaniye abahutu kugeza n'ubu bizwi na bose, ku buryo n'ubu ngubu kuba ashyigikiye abumva ijambo Parmehutu bagakuguta amenyo nka ba TWAGIRAMUNGU nta




gitangaza kirimo. Ikimbabaje gusa ni abantu bo muri MRND akomeje gushuka ngo ntabwo akorera Inkotanyi !!

Ku wa gatanu tariki ya mbere Nzeli 1993 ishobora kuzajya yibukirwaho umunsi HABYARIMANA yerekaniye ISURA YE NYAYO. Yagufatiye TWAGIRAMUNGU na ka gatsiko k'abakuru b'amashyaka ashamikiye ku Nkotanyi maze asiga asuzuguye abanyarwanda ngo agiye gutokora agatotsi mu mubano w'u Rwanda n'Ubugande. Nimunyumvire namwe ukuntu abantu bapfuye, abavanywe mu byabo, ibintu byangiritse byose byose ari agatotsi kangana urwara. Ubwo yageze i Bugande nyine atangaza ko agiye gushimira Perezida MUSEVENI ibyiza yakoreye u Rwanda n'ubu ngo akirukorera.

Muri uwo muhango ahubwo wabaye uwo kunyuzwa mu burya mabyi (Sub Jugum) ahari kubera ko yari yabanje kwikaza ntahite yemera ibyo FPR yakaga byose, HABYARIMANA ntiyabuze no kwitwaza abihaye Imana barimo NSENGIYUMVA Tadeyo na TWAGIRAYESU bakurikiraniye hafi nyine uwo muhango wo kurahira imbere y'Ubwami w'abami ko ayobotse ku mugaragaro ingoma y'Umwami w'abami w'uruhugu Hima-Tutsi muri Afurika, kandi ko noneho atozongera kureba hirya na gato, aribyo nko kuvuga ko MRND yajyaga ashuka ngo arabeshya TWAGIRAMUNGU ngo azamuhanure ntacyo imubwiye. Ni nka bimwe bya NYIRARUNYONGA ati: bariya basore nirirwa nkina nabo mbaryama hejuru mba mbashuka ngo batine. Icyo dukeneye kumenya rero ni ukumenya niba Musenyeri Nsengiyumva ariwe wihitiyemo HABYARIMANA gufata ibyo ashaka kubwira MUSEVENI akabinyuza mu isengesho rya Salumoni. Dore uko abivuga:... Toi qui, par ta Sagesse, as formé l'Homme pour dominer sur les créatures sorties de tes mains pour gouverner le monde en sainteté et justice et exercer l'empire avec une âme droite, donne-moi celle qui partage ton trône, la Sagesse, et ne me rejette pas du nombre de tes enfants. Car je suis ton serviteur et le fils de ta servante, un homme faible et de vie éphèmere, incapable de comprendre la justice et les lois.

Quelqu'un, en effet, serait-il parfait parmi les enfants des Hommes, s'il lui manque la Sagesse qui vient de toi, on le comptera pour rien. C'est toi qui m'a choisi pour régner sur ton peuple, pour commander à tes fils et à tes filles. Ikintu umuntu atakwibagirwa kwibutsa abamilita ba MRND bameze nka ya Ndondogozi y'i Kirondwe, nuko ubu nta mututsi ukivuga nabi HABYARIMANA. Radiyo y'Inkotanyi isigaye imwita "Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda" bitabagaho.

Ubu umwanzi w'igihugu ngo n'uwitwa ko akomoka kuri Parmehutu, ese ko KAGAME yavuze ko amashyaka bazaba barimo bose bitazamubuza kubashyira mu rwobo rumwe (Kiberinka No14 p. 10) aho abo bamilita bo bazarusimbuka mu gihe HABYARIMANA wabo azaba yibereye mu mihango ikomeye y'i Bwami bw'abami kwa Kaguta, aturwa Inyambo. Nshimye ko Impirimbanyi zo nubwo zifashwe nabi nibura zasobanukiwe n'Ibanga ry'intambara y'Inkotanyi, Abamilita bo baracyari mw'icuraburindi abantu bakibeshywa icya Nyirarunyonga. HABYARIMANA namenye ko yahemukiye abanyarwanda bose abasabire imbabazi hamwe naho ibyo kujya guterekera mu Bahima n'impunzi byonyine ntabwo bihagije.

NZABANDORA

# Aho bucyera ibyahoze ari ingabo z'u Rwanda abagangisteri barabirindimura neza neza HABYARIMANA abereka inyinya ngo ngaha arasenya MDR.

narahirira imbere y'ibendera ry'igihugu agiye tanga, TWAGIRAMUNGU wagambaniye ka MDR ku buryo burenze ukwemera gye kugaragaza ko n'igihugu atazatinya gabiza abashaka kuvuga bonyine, badashaka a ko hari nundi munyarwanda ubaho, gwa ko ibyabaye mu mateka y'u Rwanda e cyane mu myaka ya 59 n'iyakurikiyeho ashobora kwibagirana ngo ngaha nibyo bujje ubumwe bw'abanyarwanda nkaho hari ewe ko byaturutse ku bwirasi bwabo. Ku ya 'Kanama 1993 rero, TWAGIRAMUNGU na ka ko K'abakuru b'amashyaka bandikiye Minisitiri tebe zabo, wa mugore UWILINGIYIMANA a ngo uhanganye no kuratira imbuto tegetsi Abanyagitarama bati dore*ko twifuza ngabo z'u Rwanda zizaba ziteye mu minsi iri ere.

GO GUVERINOMA Y'AGATA NIKORE EMOBILISATION

a by'ukuri ukurikije uko guverinoma iriho ubu eze, ukareba abantu bayigize bagaragaje ko erekeye gukunda igihugu bibari kure, kuyiha a yarangije ngo gukora Lisiti y'abasirikare bajandarume ngo bagomba kwigizwayo mu ye kitarenze iya cyenda Nzeri turabona harimo hubuka, byatuma bamwe mu basirikare arenganira bikaba byatera impanuka. Nubwo gira bati ingingo ya 148 y'amasezerano Arusha niko ibyumva, ko ku munsi wa 37 bene bo byose byarangiye, harimo no gushaka kubirana ngo babone uko bishyiriraho ingabo bo bitwaje ko ngo ayo masezerano adashyiraho yo bazakurikiza ngo birukane bamwe mu ngabo. ho rero bahera bategura ikintu gisa no kwitorera goma mu giteme, bati wowe guverinoma mugore wacu, shyiraho uko ubyumva ibyo azakurikiza birukana abasirikare abajandarume, maze ushyireho komisiyo omba kubyubahiriza uko byakabaye.

ABASAMBANYI N'ABANYONI NGO NIBO BAZAHERAHO.

Bamwe mu byo TWAGIRAMUNGU n'agatsiko ke aha guverinoma ngo izaheraho ivana bamwe mu gabo n'abajandarume, harimo imyaka irenze, cyangwa ngo gufata abasirikare bakabaha abaganga bishyiriyeho maze ubundi rukambikana,

abo TWAGIRAMUNGU n'agatsiko ke badashaka bigahwaniramo. Ku byerekeye kwitwara neza mu mico no mu myifatire ho ngo abikundira kumosa, agatama, abagira amahane n'abanyoni nibo bazaheraho. Kuri TWAGIRAMUNGU, MUGENZI na NGANGO basinye urwo rwandiko rero umuntu yakwibaza uko bazabipima, niba kuba bashaka kwishyiriraho abaganga babo, Perezida wa Komisiyo w'umusiviri n'inshuti zabo muri iyo komisiyo atari uburyo bwo kugira ngo bazahitemo Nkunzi, maze utavuga rumwe nabo abe ariwe utaha, mu gisirikare naho bahubake akazu k'abanyoni nk'ako bubatse muri guverinoma y'igipampara iyobowe n'Agatha.

Uko bigaragara rero, ibyo TWAGIRAMUNGU n'agatsiko ke boshya guverinoma y'igipampara gukora byinshi muri byo, bishobora gukurura intambara mbere yuko ingabo za FPR zo tutazamenya uzajya kutujonjorera ngo abasinzi n'abitwaye nabi ku baturage mu ntambara zizaba zasesekaye mu zindi. None se uzafata dosiye y'umwofisiye uti nsanze adashyigikiye demukarasi uti igihe yari mu ntambara wowe ntiwari uhari yitwaye atya n'atya wenda ukurikije amabwire. Si ukuvuga ko hatari abitwaye nabi, ariko akarengane na nkunzi bishobora gukora amarorerwa.

IRINGANIZA NI NK'IRINDI.

TWAGIRAMUNGU n'agatsiko ke baravuga ko ngo mu ngabo hajemo iryamirwa ry'uturere. Koko nibyo twese twarabyamaganye, twamagana ko kuba umusirikare w'u Rwanda bitagombye kuba umwihariko w'indimburamakoro gusa. TWAGIRAMUNGU n'agatsiko ke baremeza ko ngo abasirikare bose bari abahutu, kandi ko ngo n'ubu abo mu turere tumwe tw'u Rwanda bariho birukanwa nta mpamvu. Icyo tutumvikanaho na TWAGIRAMUNGU rero na bagenzi be iteka baba bashaka gutonesha umututsi ngo bakunde babone ibyo bashinja abandi, nuko bagira bati si byiza ko kuba umusirikare w'u Rwanda byaba umwihariko w'ubwoko bumwe cyangwa akarere kamwe, ariko bati mu mutwe w'ingabo mushya muzashyireho iringaniza ry'uturere hakurikijwe ibarura ryo muri 1978, ariko ntibavuge bati hazanakurikizwe iringaniza ry'amoko hakurikijwe ibarura. Ubwo se ko twarwanije iringaniza iryo ariryo ryose, kuki TWAGIRAMUNGU n'agatsiko ke baduhitiyemo iry'uturere iry'amoko bakarisiga nkaho iringaniza iryo ariryo ryose atari iringaniza ??? Amayere da !!!

Niba bashaka kugarura iringaniza ry'uturere ntawe ubabujije, ariko iry'amoko niribe; ejo hatazagira ubwoko buryamira ubundi ngo kuko iringaniza ryavuyeho.

BARATSINZE KOKO ?

TWAGIRAMUNGU n'abagangisteri be bati komisiyo igomba gucagura abasirikare n'abajandarume izabe igizwe n'abasiviri 50% n'abajandarume 25% bati kandi ntihazagire ba kabine ba abaminisitiri bajyamo, abo muri Etat Major ntibazajyemo, abayobozi b'ingabo muri za segiteri z'imirwano na za Unité ntibazayisunutsemo utuzuru, ahubwo tubashakire abasiviri bavuye mu mashyaka yacu ari muri guverinoma maze babe aribo bacagura abasirikare n'abajandarume. Abo basiviri se ko twabonye abenshi mu bayobozi b'amashyaka bibereye Inkotanyi bose bakaba batazi uko umusirikare ahabwa amanota, aho bazaducagurira ingabo, badusigire inzima, cyangwa ibyari ingabo z'u Rwanda bizaba ibikotanyi bitagira irindi zina da ! Koko se wafata babandi bivugira ko amashyaka yabo ari ay'Inkotanyi ukaba aribo uha gucagura amadosiye y'ingabo z'u Rwanda, utizeye neza ko Intambara irangiye burundu ?? Ngo iyo komisiyo izaba ikomeye ku buryo agasirikare kose kazashaka kugira icyo kayihisha kazafatirwa ibyemezo bikaze. Baratsinze koko ? Uko TWAGIRAMUNGU yagambaniye MDR, niko n'igihugu azakigambanira, niko nabamwishinga azabagambanira, niko byose azabivuyanga. Iriya memorandum rero TWAGIRAMUNGU n'abagangisteri be banditse ku byerekeye "Démobilisation" iragaragaza neza uko bifuza ko u Rwanda rwaba mu minsi iri imbere. Kuri bo il faut gukora nkaho nta ngabo u Rwanda rwigeze rugira, mu gihe Inkotanyi zo intero ari yayindi, ngo zaratsinze, kandi zizashirwa ari uko zitsinze burundu.

RURIBIKIYE
KIGALI

## DORE MU KUGANZA KW'IMPYISI "BIHEHE".

Uretse ko bamwe bari basanzwe babizi abandi babikeka, MDR yajwemo koko. Ba MRND bakavuga ngo duhishe Inyenzi nkuru, tukabihakana ngo ni yayandi ya MRND, Ikinani, Karemera, na bandi.

None hagati muri Nyakanga, dore ko ibibi byose mu Rwanda bizana na Nyakanga, Rukeba Twagiramungu agambaniye ISHYAKA rye. Ubwaryo Umuntu yabishyira iruhande, ikibi niyo utekereje Ingufu nibura eshatu (3), zose kandi zanga MDR bafatanyije muri icyo gikorwa giteye ubwoba. Nabyo kubitindaho byatera Umuntu kubabara kurushaho. Reka ahubwo twiyizire ku Basore bamwe binjiye muri uriya mukino wo kwirukana Nsengiyaremye, ubu bakaba bategereje kuririra kuri Agatha warushye ngo maze bakunde bakomere kandi bakiyitirira MDR. Uwateguye uwo Mukino turamuzi, uretse ko niba azi n'amacenga ate, ntaho tuzi yari yinjiza igitego kitari igihuguzanyo. Ibyo sitwebwe abaturage tugomba kubimenya mbere, ahubwo n'Abahungu, Abakobwa Bashiki, Abakwe ba bariya baguye mugihirahiro n'ubu bakaba batarahambwa maze, aho kuburana icyo, ngo turi bene Twagiramungu.

Kubara uko Impyisi — Bihehe yamanutse ikazamuka muri ubwo butumwa yari yihaye bwo «Gutoragura izo mpehe» biraruhije keretse uwa biharira umusizi Kirusu.

Mu magambo ataruhije, Bihehe yasohoye amadosiye yari isanzwe izi kwa Kayibanda, Mbonyumutwa, Ndahayo,... yemwe na ba Rwasibo — maze irabyiga ishaka ubundi buryo kuko kwica byari bimaze kurambirana. Ihera ku Bakobwa n'Abakwe babo n'abandi nk'abo, itibagiwe, Abahungu, Abasanzire Abashiki — ibyo si ubwa mbere byandikwa, ariko uburyo bwose bwarakoreshe-